# AMASENGESHO YA MUGITONDO

## a) Uburyo bwa mbere

* *Ikimenyetso cy'umusaraba*: Ku izina ry'Imana Data + na Mwana na Roho Mutagatifu. Amen.

* *Isengesho ryo kubyuka*: Ma nguhaye umutima wanjye noye kugucumuraho uyu munsi, ariko nawe wirirwe unyiragiriye. Nyagasani, ingabire ziri mu masengesho ngiye kuvuga uyu munsi, n'izindi ziri mu byo nza gukora, si izo nzi, si n'izo ntazi, ungirire ubuntu nzibone zose. Amen.

* *Mana yanjye ndemera ko uri hano undeba*, ndagusenga ngukunze rwose. Ndagushimira yuko wandemye, ukancunguza Umwana wawe ukunda ukangira umukristu. Ndagushimira ineza uhora ungirira n'uko wandinze muri iri joro. Nyagasani, nguyu umutima wanjye n'umubiri wanjye, ndakwihaye rwose. Ibyo ndibutekereze, ndibuvuge, ndibukore, n'ibiri bumbabaze none, ndabiguhaye byose, mbisangishe ibyababaje Yezu Kristu Umwami wacu, kugira ngo nkubahe nange ibyaha. Sinshaka kugucumuraho uyu munsi, ariko nagira ubuntu bwawe. Amen.

* *Isengesho ryo kwicuza ibyaha*: Nyagasani, ibyaha nakugiriye byose ndabyanze, kuko binteranya nawe, bikadutandukanya ari Wowe untunga ukandengera iteka, kandi ndabyangira yuko ari byo bicishije Yezu Kristu, Umwana wawe ukunda. Dawe ubinkize sinshaka kubisubira, ndashaka kuba uwawe. Amen.

* *Dawe uri mu ijuru*, Izina ryawe ryubahwe, ingoma yawe yogere hose. Icyo ushaka gikorwe munsi nk'uko gikorwa mu ijuru. Ifunguro ridutunga uriduhe none; utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko natwe tubabarira abaducumuyeho; ntudutererane mu bitwoshya, ahubwo udukize icyago. Amen.

* *Ndakuramutsa Mariya*, wuje inema uhorana n'Imana. Wahebuje abagore bose umugisha na Yezu umwana wabyaye arasingizwa. Mariya Mutagatifu Mubyeyi w'Imana, urajye udusabira twe abanyabyaha kuri ubu n'igihe tuzapfira. Amen.

* *Nemera Imana Data, Ushobora byose waremye ijuru n'isi.* Nemera n'Umwana we w'ikinege, Yezu Kristu Umwami wacu, wasamwe ku bwa Roho Mutagatifu akabyarwa na Bikira Mariya, akababara ku ngoma ya Ponsiyo Pilato, akabambwa ku musaraba agapfa, agahambwa, akamanuka ajya ikuzimu. Umunsi wa gatatu akazuka, akajya mu ijuru akaba yicaye iburyo bw'Imana Data ishobora byose, ni ho azava aje gucira urubanza abazima n'abapfuye. Nemera Roho Mutagatifu, na Kiliziya Gatolika Ntagatifu, n'ubumwe bw'abatagatifujwe, n'uko abanyabyaha babikizwa, n'uko abantu bazazuka bakabaho iteka. Amen.

* *Isengesho ryo kwemera*: Mana yanjye, nemera ibyo Kiliziya Gatolika yemera kandi yigisha, kuko yabibwiwe nawe utabasha kuyoba no kutuyobya. Amen.

* *Isengesho ryo kwizera*: Mana yanjye, nizeye yuko uzagirira Yezu Kristu ukampa ingabire zawe munsi, maze ninita ku mategeko yawe ukazambeshaho iteka mu ijuru, kuko wabidusezeranyije kandi ukaba utica isezerano. Amen.

* *Isengesho ryo gukunda*: Mana yanjye, ndagukunda rwose kuko nta we muhwanyije ubwiza, uhebuza byose gukundwa, kandi nkunda abandi uko nikunda ngiriye wowe. Amen.

* *Malayika nahawe n'Imana ngo undinde*, ujye unyumvisha iby'Imana, ungire inama, undengere, untegeke. Amen.

* *Bazina Mutagatifu*, umpakirwe ku Mana, unsabire ndeke kuyicumuraho. Amen.

* *Indamutso ya Malayika*:

V.: Malayika yasohoje ubutumwa kuri Mariya.
R.: Maze Mariya asamishwa na Roho Mutagatifu.
Ndakuramutsa Mariya…
V.: Dore ndi umuja wa Nyagasani.
R. : Ibyo uvuze bingiririrweho.
Ndakuramutsa Mariya…
V. : Nuko Jambo yigira umuntu.
R. : Abana natwe.
Ndakuramutsa Mariya…
V. : Mubyeyi Mutagatifu w'Imana urajye udusabira.
R. : Tubone guhabwa ibyo Yezu Kristu yadusezeranyije

*Dusabe*:Mana turagusaba, udufashishe ingabire zawe, kugira ngo ibyababaje Yezu Kristu n'Umusaraba we, bizaduhe kuzukana ikuzo nka we, twe ababwiwe na Malayika yuko Umwana wawe yigize umuntu. Ibyo burabigusaba ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amen.

***Mu gihe cya Pasika bavuga*** :

* *Mwamikazi wo mu ijuru*:

V. : Mwamikazi wo mu ijuru wishime. Alleluya.
R.: Kuko uwo watorewe kubyara. Alleluya.
V.: Yazutse uko yari yarabivuze. Alleluya.
R.: Urajye udusabira ku Mana. Alleluya.
V.: Ishime unezerwe Bikira Mariya. Alleluya.
R.: Kuko Umwami Yezu yazutse koko. Alleluia.

*Dusabe*: Mana washatse ko izuka ry'Umwana wawe n'Umwami wacu Yezu rishimisha abantu, turagusaba, ngo ugirire Umubyeyi we Bikira Mariya, maze uduhe kuzanezerwa iteka mu ijuru. Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amen.

* *Bikira Mariya Nyir'impuhwe*, wibuke ko ntawigeze kumva ko wasubije inyuma uwaguhungiyeho, agutakambira ngo umurengere, umusabire, ni cyo gituma nkwizera. Ndakugana nkuganyira ngo umpagarareho kuko ndi umunyabyaha. Mubyeyi w'Umukiza, ntiwirengagize ibyo nkubwira, ubyumve ubyiteho. Amen.

* *Bikira Mariya utasamanywe icyaha*, urajye udusabira twe abaguhungiraho.

* *Isengesho ryo gutura umunsi*: Mutima wa Yezu Mutagatifu rwose, nisunze umutima wa Bikira Mariya utagira inenge, nkagutura amasengesho yanjye n'ibyo ndibukore, n'ibiri bumbabaze muri uyu munsi byose, ngira ngo ntange icyiru cy'ibyaha byacu, no kugira ngo nifatanye nawe, mu mpamvu zituma witangira ubudatuza kuri alitari. Cyane cyane mbiguturiye gusaba icyo Papa yifuza muri uku kwezi.

* Cyangwa :

"*Nyagasani Mana ishobora byose*", duhe ko ibitekerezo byacu, n'amasengesho yacu, n'imirimo yacu yose binoza ugushaka kwawe. Tugutuye imibereho yacu y'uyu munsi, kugira ngo twifatanye na Kiliziya yawe yose, twifatanye kandi n'igitambo gitagatifu uhora uturira isi yose. Amen.

## b) Uburyo bwa kabiri

**** Intangiriro*:**
Nyagasani, bumbura umunwa wanjye + Maze ururimi rwanjye ruzatangaze ibisingizo byawe.
Hubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nk'uko bisanzwe iteka, bubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amen.

*** *Indirimbo:***
*Inyik.*: Nimuze dusingize Nyagasani, Imana yacu.
Zab 95 (94), Alleluya (usibye mu Gisibo)

**** Igisingizo:***

Inyik.: Nimusingize Rurema wuzuye urukundo waduhaye ubugingo bw'iteka.
Imana yaremye byose ibiha umugisha
Uko yari yabitekereje kuva kera.
Akira amasengesho yacu,
Turagusenga.

Yaremye abantu irema abamalayika
Nk'uko yari yabitekereje kuva kera.
Akira amasengesho yacu,
Turagusingiza.

Ibintu byose yabikuye mu busa
Ibisenderezamo urukundo n'ubwigenge bwinshi.
Akira amasengesho yacu,

Turagushimira.

Hubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu;
Nk'uko bisanzwe iteka bubahwe n'ubu n'iteka ryose.
Amen.
Horana impundu Rurema iteka ryose. Amen.

Cyangwa : X 2, X 8, Zab 66 (65)…

*** Zaburi:**

1. *Inyik.* :Ndashaka kugusingiza Mana yanjye
Ku bw'izina ryawe, nzamuye ibiganza.
Zab 63 (62)

2. *Inyik.*: Nimumukuze kandi mumurate ubuziraherezo.
Zab 148
3. *Inyik.*: Mahanga yose, nimusingize Uhoraho.
Zab 117 (116)

**** Isomo:***
- Ku mibyizi : Abanyafilipi 4, 8-9

*Ahasigaye, bavandimwe, icyitwa icy'ukuri cyose kimwe n'igikwiye kubahwa, igitunganye, ikitagira inenge, igikwiye gukundwa no kuratwa, mbese icyitwa ingeso nziza cyose kandi gikwiriye ishimwe, abe ari cyo muharanira. Ibyo nabigishije kandi mwemeye, ibyo mwanyumvanye kandi mwambonanye, mujye mubikora, maze Imana y'amahoro izahorane namwe.*

- Ku cyumweru : Matayo 28, 1-10

*Isabato irangiye, ku wa mbere wayo mu museso, Mariya Madalena na Mariya wundi bazindukira ku mva. Ubwo isi ihinda umushyitsi mwinshi; umumalayika wa Nyagasani amanuka mu ijuru aregera, ahirika ibuye, aryicara hejuru. Yari ameze nk'umurabyo, umwambaro we wera nk'urubura. Abarinzi bamurabutswe bakuka umutima, bamera nk'abapfuye. Ariko wa mumalayika araterura, abwira abagore ati "Mwebweho mwitinya! Nzi ko mushaka Yezu wabambwe ku musaraba. Ntari hano, yazutse nk'uko yari yarabivuze; nimuze mwirebere aho yari arambitse. None rero, nimugende mwihuta, mubwire abigishwa be ko yazutse, kandi ko agiye kubatanga mu Galileya; niho muzamubonera. Ngibyo ibyo nari mfite kubabwira." Ubwo abagore bava ku mva bafite ubwoba buvanze n'ibyishimo byinshi, bihutira kubwira abigishwa be iyo nkuru. Ni bwo Yezu ahuye nab o ati "Nimugire amahoro!" Baramwegera, bahobera ibirenge bye, bamupfukamye imbere. Nuko Yezu arababwira ati "Mwitinya! Ahubwo nimugende mubwire abavandimwe banjye bajye mu Galileya; ni ho bazambonera.".*

Cyangwa Luka 24, 1-12, n'ahandi.

- Igisubizo :"*Nzasingiza Nyagasani, iteka n'ahantu hose (2).*"

- *Ibisingizo bye bizahora ubudatuza mu munwa wanjye, "iteka n'ahantu hose."*
- *Hubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu,*
  *"Nzasingiza Nyagasani, iteka n'ahantu hose."*

**** Indirimbo ya Zakariya : Lk 1, 68-79***

*Inyik.*: Amahanga yose azaza apfukame imbere yawe,
Kuko wowe wenyine uri Nyir'ubutagatifu.

Nihasingizwe Nyagasani, Imana ya Israheli,
Kuko yasuye umuryango we kandi akawukiza.
Yatugoboreye ububasha budukiza,
mu nzu ya Dawudi umugaragu we,
Nk'uko abahanuzi be batagatifu
bari barabitumenyesheje kuva kera ko azadukiza abanzi bacu,
Akatugobotora mu nzara z'abatwanga bose.
Yagiriye impuhwe ababyeyi bacu,
maze yibuka isezerano rye ritagatifu
ya ndahiro yarahiriye Abrahamu umubyeyi wacu,
avuga ko namara kutugobotora mu maboko y'abanzi bacu,
azaduha kumukorera nta cyo twikanga,
turangwa n'ubuyoboke hamwe n'ubutungane,
iminsi yose y'ukubaho kwacu.
Nawe rero wa kana we,
uzitwa umuhanuzi w'Umusumbabyose,
Kuko uzabanziriza Nyagasani ngo umutegurire amayira,
ukamenyesha umuryango we umukiro,
Bazakesha kubabarirwa ibyaha byabo.
Koko Imana yacu igira impuhwe zihebuje,
Ari zo zatumye Zubarirashe amanuka mu ijuru aje kudusura,
akabonekera abari batuye mu mwijima no mu gicuku cy'urupfu,
kugira ngo atuyobore mu nzira y'amaho.

**** Amasengesho yo gusaba***: Dusabe Imana, Umubyeyi wacu ushobora byose, We wumvana ubwuzu ukwinginga kw'abana be, tumusingize tugira tuti "NYAGASANI UTWUMVE UTUBABARIRE".

- Mana ihoraho kandi ishobora byose, muri Batisimu waduhaye urumuri rushya; uyu munsi udufashe tugendere muri urwo rumuri. Tubisabe Imana.
- Tugabire ubwitonzi bwawe, kugira ngo buherekeze imirimo yacu yose kandi buyikomeze. Tubisabe Imana.
- Nyagasani, uyu munsi uduhe ingabire zawe kandi uturinde icyaha. Tubisabe Imana.

- Uratubere umuvunyi n'umurengezi, kandi uduhe ubwumvikane n'amahoro. Tubisabe Imana.
(*Bashobora kongeraho andi*).

**** Dawe uri mu ijuru …***

**** Isengesho risoza*:**
- *Ku mibyizi*: Nyagasani, ineza yawe nimurikire ibikorwa byacu byose, maze amasengesho n'imirimo yacu bigire isoko muri wowe, kandi bihabwe nawe indunduro nziza. Ibyo tubigusabye ku bwa Yezu Kristu, Umwami wacu. Amen.

- *Ku cyumweru*: Mana, wowe ushyira ibyishimo by'ukuri mu mbaga yawe, ugaha umuryango wawe umunezero utazashira, turagusaba ngo uduhe guhorana ubwuzu mu byawe, maze tukogeze, tukumenyeshe n'abatakuzi. Ibyo tubigusabye ku bwa Yezu Kristu, Umwami wacu. Amen.

**** Umusozo:***

Imana niduhe umugisha + iturinde ikibi cyose, kandi izatugeze mu bugingo bw'iteka. Amen.
- Dusingize Nyagasani.
- Dushimiye Imana.

(*Byaba byiza kuvuga indamutso ya Malayika aya masengesho arangiye*).